WILL of GOD
316

## Ni Gute Namenya Ubushake bw'Imana?

*"Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose."* Abaroma 12:2

Kumenya no gukora ubushake bw'Imana ni ingenzi cyane. Ba nka Yesu. Yavuze ko yaje mu isi, *"Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakiye, ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwantumye ashaka,"* Yohana 6:38. Akenshi ubushake bw'Imana ku bizeye bose buba ari bumwe. Ariko, hari igihe Imana iguhishurira ubushake bwayo by'umwihariko uko ugenda ukura kandi uyizera buri munsi. Ushobora kumenya ubushake bw'Imana. Izaguha gusobanukirwa. *"Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo,"* Imigani 3:5-6. Uzi icyo Bibiliya ivuga ku bushake bw'Imana muri rusange. Uzi neza ko ubushake Bwayo ku muntu butavuguruzanya n'Ijambo Ryayo no kubaho uyumvira. Ushingiye kuri uko kumvira, ubasha kwiyemeza gukora icyo Imana igushakaho. Saba Data. Shaka ubujyanama mu Ijambo Rye, ubwenge Bwe, mu bantu Be, no mu mahoro Ye. Iyo uzi ubushake bw'Imana, urayumvira.

**UBUSHAKE BW'IMANA BWA RUSANGE.** Ubushake bw'Imana bwa rusange buboneka kenshi mu mategeko, amahame, n'ingero byo muri Bibiliya. Bibiliya ni yo sōko ya mbere yo kumenya ubushake bw'Imana ku buzima bwawe. *"Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye,"* Zaburi 119:105.

1. Amategeko. Muri Bibiliya habamo amategeko menshi areba abizeye bose nka, *"Mwishime iteka, musenge ubudasiba, mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu,"* 1 Abatesalonike 5:16-18. Na *"Icyo Imana ishaka ni iki... kwirinda gusambana,"* 1 Abatesalonike 4:3. Yesu yaravuze ngo, *"Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye."* Yohana 14:15. Sobanukirwa amategeko n'abo yagenewe. Imana yabwiye Nowa kubaka inkuge, Itangiriro 6:14. Ariko Imana ntiyakubwiye gukora nk'ibyo. Imana yabwiye Dawidi kujya i Heburoni, 2 Samweli 2:1. Ariko Imana ntiyakubwiye gukora nk'ibyo. Ntugakoresha amategeko mu buryo atagenewe.

2. Amahame. Hari amahame ya Bibiliya ugomba gukurikiza. Ihame ryo kuba igisonga cyiza ryo muri Luka 16:1-13. Ikiguzi cyo kuba umwigishwa kiboneka mu mpera za Luka 14. Ihame ryo gushaka abantu bazimiye riboneka mu migani itatu ya Luka 15. Kurikiza aya mahame kimwe n'ayandi yo muri Bibiliya.

3. Ingero. Amategeko n'amahame bya Bibiliya byerekana icyo Imana ishaka muri rusange ku buzima bwawe. Bibiliya yuzuyemo ingero ingero tugomba gukurikiza. Urugero rwiza ni imibereho ya Yesu. Nyuma yo koza ibirenge by'abigishwa, Yesu yaravuze ngo, *"Mbahaye icyitegererezo, kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye,"* Yohana 13:15. Tugomba gukurikiza urugero Rwe rwo guca bugufi, Abafilipi 2:3-5. Tugomba kugera ikirenge mu Cye, *"kandi ibyo ni byo mwahamagariwe, kuko na Kristo yababababarijwe akabasigira icyitegererezo, kugira ngo mugere ikirenge mu cye,"* 1 Petero 2:21. *"icyo ni cyo kitumenyesha ko turi muri we, 6kuko uvuga ko ahora muri we akwiriye na we kugenda nk'uko yagendaga,"* 1 Yohana 2:5-6.

**UMUBURO.** Imana ntibeshya, Zaburi 119:160. Imana ntizakuyobora, cyangwa ngo ikubwire kutumvira Ijambo Ryayo. Yesu afasha abayoboye kutwubaka, Abefeso 4:11-14. Nyamara, hariho abigisha benshi b'ibinyoma, 2 Timoteyo 4:3-4. Ntugatekereze na rimwe ko Imana yagusaba kutumvira Ijambo Ryayo. Imana ntiyabikora. Umuyobozi w'itorero nakubwira kutumvira Ijambo ry'Imana, izaba ari inyigisho y'ibinyoma.

**UBUSHAKE BW'IMANA BWIHARIYE.** Imana igira ubushake bwihariye ku wizeye wese, Zaburi 32:8, Imigani 3:5-6. Umvira ubushake bw'Imana bwa rusange. Hanyuma uzamenya ubushake Bwayo bwihariye, niwingingira Imana kubukwereka. Shaka igisubizo Cyayo mu Ijambo Ryayo, ubwenge Bwayo, mu bantu Bayo, no mu mahoro Yayo.

**Saba**. Senga isengesho rya Dawidi, *"Unyigishe gukora ibyo ushaka,"* Zaburi 143:10. Intumwa Pawulo yasabiye abizeye b'i Kolosayi ngo *"twifuza ko mwuzuzwa ubwenge bwose bw'Umwuka no kumenya kose,"* Abakolosayi 1:9. Isengesho ryawe nyakuri ku bwawe no ku bw'abandi rikwiye kuba iryo kumenya no gukora ubushake bw'Imana.

**Shaka ubujyanama.** Imana ihishura ubushake Bwayo bwihariye mu Ijambo Ryayo, ubwenge Bwayo, mu bantu Bayo, no mu mahoro Yayo. Saba Imana kubuguhishurira. Izasubiza amasengesho yawe binyuze mu:

1. Ijambo Ryayo. Kumenya ubushake bw'Imana bwihariye biva mu kwiga Bibiliya bihoraho. Umenya ubushake bw'Imana uko urushaho kunguka ubumenyi n'ubwenge mu Ijambo Ryayo. Ntizigera na rimwe igusaba gukora ikinyuranye n'Ijambo Ryayo.

2. Ubwenge Bwayo. Ubwenge bw'Imana buva mu kumvira mu buryo bw'umwuka, 1 Abakorinto 2:14-15. *"Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose,"* Abaroma 12:2. Saba Imana kuguha ubwenge, *"Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana... kandi azabuhabwa,"* Yakobo 1:5.

3. Abantu Bayo. Abantu b'Imana bagufasha gusobanukirwa ubushake bw'Imana. Abigisha by'ukuri Ijambo Ryayo mu magambo cyangwa mu nyandiko bashobora kugufasha, Abakolosayi 1:28. Ni byiza kugirwa inama n'abizeye bakuze. Ni byiza cyane kugira abajyanama barenze umwe, *"Aho inama itari imigambi ipfa ubusa, Ariko aho abajyanama benshi bari irakomezwa,"* Imigani 15:22. Abizeye bakuze bashobora gukosa ariko bashobora no kukugira inama nziza yagufasha kumenya ubushake bw'Imana.

4. Amahoro Yayo. Amahoro y'Imana ni cyo gihamya cya nyuma cy'ubushake bw'Imana bwihariye, *"mureke amahoro ya Kristo atwarire mu mitima yanyu,"* Abakolosayi 3:15. *"Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu,"* Abafilipi 4:7. Aya mahoro atangwa n'Imana atuma wumva ko icyemezo wafashe ari kizima biturutse ku isengesho, mu kwiga Bibiliya, mu bwenge bw'umwuka, no mu nama z'abajyanama bakuze b'umwuka. Shaka amahoro y'Imana kandi uyategereze.

**Kora.** Iyo ushatse kumenya ko ikintu kiri mu bushake bw'Imana, igisubizo gishobora kuba "oya" nk'uko byabaye kuri Pawulo, 2 Abakorinto 12:7-10. Gishobora kuba "tegereza". Igisubizo Cyayo cyo "gutegereza" gishobora kuvamo umugisha ukomeye, Yesaya 40:31. Iyo igisubizo cy'Imana ari "yego", kora ubushake Bwayo nubwo byaba bikomeye, bitamenyerewe, cyangwa bisaba ikiguzi. Tugomba kwishimira gukora ubushake Bwayo bivuye ku mutima, Zaburi 40:8, Abefeso 6:5-6. Itondere ibisubizo by'ibinyoma byo mu nyigisho zitiririrwa iza gikristo. Umvira mu gihe uzi neza ko uzi ubushake bw'Imana.

---

*Ni Gute Namenya Ubushake bw'Imana?* © 2026, ubutumwa bwa John D. Morris III bwasohowe na Acts One Eight. Ubu butumwa ushobora kubusohora ku mpapuro, gukora kopi yabwo, kubutangaza ku mbuga nkoranyambaga, kuri email, cyangwa kubukoresha utabuhinduye kandi buri kumwe n'uru ruhushya. Ushobora kongeraho izina ry'umuryango wawe w'ivugabutumwa cyangwa ry'itorero, cyangwa se ugashyiraho ikirango cyawe ku rupapuro rwa mbere ahagana hejuru, ndetse ukongeraho na nomero yawe ya telefone hejuru ku murongo wabugenewe uri ku rupapuro rwa kabiri ahagana hasi. WillofGod316.org ni ubutumwa bushingiye kuri Bibiliya gusa. Bubereyeho gufasha abizeye kumenya ubushake bw'Imana. Wakwandikira email Acts One Eight (mu Cyongereza niba bishoboka) kuri: Hello@Mail316.org. Ubusemuzi bwakozwe na www.ChristianLingua.com. *Ni Gute Namenya Ubushake bw'Imana?* ni ubutumwa buboneka mu ndimi 48 ku buntu kuri www.WillofGod316.org. Imirongo yakoreshejwe mu Cyongereza yakuwe mu ngeri ya Bibiliya yitwa The Lockman Foundation's New American Standard Bible yo mu 1995. Imirongo ya Bibiliya yakoreshejwe muri ubu busemuzi yakuwe muri: